**FL EduPortal-online platform**

**INSHAMAKE Y'IKINYARWANDA**

**UMWAKA WA KANE**

**IGIHEMBWE CYA GATATU 2022-2023**

**IMYANDIKIRE YEMEWE Y'IKINYARWANDA**

**IMYANDIKIRE Y'IBIHEKANE**

1.Igihekane **bg** ,**bw**

Igihekane **bg** gisomwa nka **bw** ariko bitandukaniye ku magambo amwe n'amwe.

**Ingero** : Ka**bg**ayi

i **bw**ami

Ibihekane **kw ,gw, hw**

Igihekane **kw, gw , hw ,** kugira ngo bivugike uko byandikwa akenshi twifashisha inyajwi.

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Kw** | …………….. i | kwi | kwiga |
| | ……………... u | | kubaka |
| | ………….…. o | | koga |
| | …………….. a | kwa | kwambara |
| | ……………...e | kwe | kwerekana |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Gw** | ……………... i | gwi | ibigwi |
| | ……………… u | | gukubita |
| | ……………….o | | urugo |
| | ……………… a | gwa | kugwa |
| | ……………….e | gwe | umugwegwe |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Hw** | ……………… i | hwi | guhwitura |
| | ………………. u | | uruhu |
| | ………………o | | uruho |
| | ………………a | hwa | amahwa |
| | ……………….e | hwe | guhwekera |

| **Ntibandika** | **Bandika** |
|---|---|
| Kwoga | koga |
| Kwubaka | kubaka |
| Urugwo | urugo |
| Uruhwu | uruhu |

**IMYANDIKIRE Y'INDANGAHANTU :KU ,MU, I**

Indangahantu zandikwa zitandukanye n'ijambo bijyanye.

Indangahantu **ku** na **mu** ntizikatwa kandi zandikwa zitandukanye n'ijambo rizikurikiye .

**Ingero :** -Mutoni avuye **i** Kigali .

**-**Mama yagiye **ku** isoko .

**-**Abanyeshuri bari **mu** ishuri .

Amagambo akomoka ku ndangahantu i yandikwa mu ijambo rimwe .

**Ingero :** imuhira

iburyo

ibumoso

iheru

inyuma

iwabo

iwacu

**IMYANDIKIRE Y'IBYUNGO** : na ,nka

Ibyungo **na** na **nka** iyo bikurikiwe n'amagambo atangiwe n'inyajwi birakatwa .

**Urugero** : Ntakibyara nka intare na ingwe.

Ntakibyara nk'intare n'ingwe .

**UMUTWE WA GATANU** : Kubana neza n'abadi gufashanya no gutabarana .

**UMWANDIKO :**Ibintu ni magirirane .urup 140

**IHINAMWANDIKO**

**IBARUWA**

**AMOKO Y'IBARUWA**

-  IBARUWA ISANZWE
-  IBARUWA Y'UBUYOBOZI

**1. IBARUWA ISANZWE**

**i) Inshoza y'ibaruwa isanzwe cyangwa ya gishuti**

Ibaruwa isanzwe cyangwa ya gishuti ni inyandiko yandikwa uyandika akeneye kugira icyo abwira uwo yandikiye. Uwandika avuga ibimushimishije kimwe n'uko ashobora kuvuga ibimubabaje cyangwa ibimibangamiye, ibyo yabonye cyangwa ibyo yumvise, uko yiyumva, ibyo akunda n'ibyo yanga, icyo yifuza, … Uwandika ibaruwa yemerewe kuvuga byose ariko mu kinyabupfura, akandika ibitunganye.

**ii) IBICE BIGIZE IBARUWA ISANZWE.**

1) Uwandika n'aho abarizwa: byandikwa hejuru mu Nguni y'ibumoso y'urupapuro.

2) Aho ibaruwa yandikiwe n'itariki yandikiweho. Ibyo bijya hejuru mu Nguni y'iburyo y'urupapuro.

3) Uwandikiwe n'aho abarizwa: bijya munsi ya aderese y'uwanditse.

4) Amagambo ahamagara uwandikiwe: nk'aho yamusabye guhuguka ngo yakire ubutumwa.

5) Indamutso n'amagambo make ku buzima bw'uwanditse n'ubw'umuryango we.

6) Igika cyangwa ibika bikubiyemo ubutumwa nyirizina

7) Igika kirimo ibyiza uwandikiwe yifurizwa n'uwanditse.

8) Umusozo w'ibaruwa, izina n'umukono by'uwanditse.

**iii) IBYO UWANDIKA IBARUWA YITWARARIKA:**

a) Gusiga umwanya iburyo n'ibumoso bw'urupapuro

b) ibaruwa yanditse neza ibamo ibika ku buryo buri gitekerezo kiharira igika cyacyo

c) Buri gika gitangira umurongo.

d) Hagati y'igika n'ikindi hasigara umurongo utanditsemo

e) Ibaruwa yanditse neza iba ihumeka: Utwatuzo tugomba gukoreshwa neza mu nteruro.

f) Ni byiza gukoresha interuro ngufi kuko zituma igitekerezo cyumvikana neza kurushaho.

g) isuku igomba kuranga ibaruwa.

h) Imyandikire yemewe y'ururimi rw'Ikinyarwanda igomba kwitwararikwa.

i) Ikinyabupfura mu myandikire. Ntihagomba kubaho gushira isoni.

**iv) IMBATA Y'IBARUWA ISANZWE.**

Uwandika n'aho abarizwa Aho ari n'itariki

Uwandikiwe n'aho abarizwa

Amagambo ahamagara uwandikwe,

Igika gisuhuza

……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………

Igika cyangwa ibika bikubiyemo ubutumwa nyirizina

……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………………

Igika gisezera

……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
…………..

Umusozo w'ibaruwa,

Izina ry'uwanditse

Umukono w'uwanditse

## v) URUGERO RW’IBARUWA ISANZWE

MAHORO Kezia Gikondo, tariki 30 Werurwe 2016

Ikigo cy’amashuri cya Kinunga

Gikondo-Kicukiro

Ku nshuti yange nkunda cyane Rukundo

Gatsata-Nyarugenge

Nshuti nkunda Rukundo,

Uraho? Nange ndaho ndakomeye. Iwacu bose baraho kandi baragutashya. Bahora bakumbaza nkababwira ko nange amakuru yawe ntayaheruka ngo bashimishwaga n’uburyo twafatanyaga mu masomo, tugakorera imikoro hamwe. Gusa ubu nabonye abandi bana dufatanya ariko wowe waramfashaga kuko wari uzi cyane indimi.

Ikinteye kukwandikira rero ndagira ngo nkumenyeshe ko nzaza kubasura ejobundi ku wa Kane nimugoroba. Sindamenya neza igihe nzakugerereraho ariko ndateganya guhaguruka ino aha nka saa kenda n’igice. Nkumbuye bya bitaramo bya nijoro muzehe na mukecuru baducira imigani. Uwo nibuka cyane ni wa wundi wa Maguru n’Insibika. Ube ubantahirije cyane mu gihe ntari nahagera ngo mbarwe mu nda.

Umbabarire rero nta makuru mfite muri aka kanya. Nanditse nihuta cyane kuko nanga ko Minani nshaka guha iyi baruwa anshika ntamugutumyeho.

Tashya bose ni ah’ejo.

Uwawe utakwibagirwa,

**MAHORO Kezia**

**UMWANDIKO** : Igitaramo gishyushye

**IKIBONEZAMVUGO**

# NTERA

**1. Inshoza ya ntera**

Ntera ni ijambo rigaragira izina, rikerekana imimerere, ingano n'imiterere yaryo.

Ntera yegerana n'izina ifutura cyangwa bigahuzwa n'inshinga **"kuba".**

**II.2 Uturango twa ntera.**

Ntera yisanisha n'izina biri kumwe igafata indanganteko yaryo ho **"indangasano".**

**Ingero:**

- ✓ Ibigori **bigufi**
- ✓ Umurima **mugari**
- ✓ Abakobwa **bato** bagira imisatsi **miremire.**

Bityo, ntera igaragaza indanganteko y'izina igaragiye.

**Ingero:**

- ✓ Ishuri **ri**nini
- ✓ Ihene **n**gufi

**Ikitonderwa:**

*Ntera iyo ifashe indomo ihinduka" **izina ntera".***

**Ingero:**

- ✓ Nta mwiza nk'**umubi** wumva.
- ✓ **Umuto** ni we waje.
- ✓ **Abarebare** bicare inyuma.
- ✓ Akunda gufatanya n'**abakuru** n'**abato.**

**II.3 UTUREMAJAMBO TWA NTERA**

Ntera igira uturemajambo tubiri: **indangasano** n'**igicumbi.**

**Indangasano**

Indangasano ni igice cya ntera gihinduka bitewe n'izina bijyanye. Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye.

**Ingero:**

- ✓ Umwenda **mushya**
  - **Mu** – shya
    RS C
- ✓ Abana **benshi**
  - **Ba** – inshi
    RS C

**Igicumbi**

Igicumbi ni igice cya ntera kidahinduka na rimwe iyo ntera yisanishije n'amazina atandukanye.

**Ingero:**

- ✓ Abana ba**gufi**
- ✓ Imirima mi**gufi**
- ✓ Ishyamba ri**gufi**
- ✓ Intama n**gufi**
- ✓ Isoko ri**gufi**

## II.4 IBICUMBI BYA NTERA

Ibicumbi bya ntera ni ibi bikurikira:

**IMBONERAHAMWE 3: IBICUMBI BYA NTERA**

| **Igicumbi** | **Urugero** | **Uturemajambo twa ntera** | **Itegeko** |
|---|---|---|---|
| **-inshi** | Abana **benshi** | ba-inshi | a+i ⟶ e |
| **-iza** | Abakobwa **beza** | ba-iza | a+i ⟶ e |
| **-gari** | Ibyumba **bigari** | bi-gari | Nta tegeko rihari. |
| **-ke** | Ibiryo **bike** | bi-ke | Nta tegeko rihari. |
| **-keya** | Abasore **bakeya** | ba-keya | Nta tegeko rihari. |
| **-to** | Igiti **gito** | ki-to | Nta tegeko rihari. |
| **-toto** | Ikigori **gitoto** | ki-toto | k ⟶ g/-GR |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **-to-to** | Umugabo **mutomuto** | mu-to-mu-to | Nta tegeko rihari. |
| **-toya** | Ishyamba **ritoya** | ri-toya | Nta tegeko rihari. |
| **-zima** | Umuntu **muzima** | mu-zima | Nta tegeko rihari. |
| **-shya** | Ikayi **nshya** | n-shya | Nta tegeko rihari. |
| **-shyashya** | Umwenda **mushyashya** | mu-shyashya | Nta tegeko rihari. |
| **-bi** | Umurima **mubi** | mu-bi | Nta tegeko rihari. |
| **-nini** | Amaguru **Manini** | ma-nini | Nta tegeko rihari. |
| **-niya** | Akajumba **kaniya** | ka-niya | Nta tegeko rihari. |
| **-kuru** | Umusaza **mukuru** | mu-kuru | Nta tegeko rihari. |
| **-tagatifu** | Igitabo **gitagatifu** | ki-tagatifu | k → g/-GR |
| **-hire** | Urugendo **ruhire** | ru-hire | Nta tegeko rihari. |
| **-gufi** | Umukobwa **mugufi** | mu-gufi | Nta tegeko rihari. |
| **-re-re** | Inka **ndende** | n-re-n-re | r → d/n- |
| **-bisi** | Ibigori **bibisi** | bi-bisi | Nta tegeko rihari. |
| **-taraga** | Umukozi **mutaraga** | mu-taraga | Nta tegeko rihari. |
| **-sa** | Ibirayi **bias** | bi-sa | Nta tegeko rihari. |
| **-sa-sa** | Uburo **busabusa** | bu-sa-bu-sa | Nta tegeko rihari. |
| **-tindi** | Umutego **mutindi** | mu-tindi | Nta tegeko rihari. |

**<u>Ikitonderwa</u>**

**1)** Ibicumbi **–re** na **–to** byisubiramo ku buryo bifata indangasano ebyiri.

**<u>Ingero</u>**

- ✓ Igihe **kirekire** — **ki-re-ki-re**
- ✓ Umugozi **muremure** — **mu-re-mu-re**
- ✓ Umusore **mutomuto** — **mu-to-mu-to**

2) Igicumbi **–gufi, -ke,** na **–to** bishobora kongerwaho akajambo **"ya".**

**<u>Ingero:</u>**

- ✓ Umugore **mugufiya**
- ✓ Amazi **makeya**
- ✓ Umwana **mutoya**

3) Igicumbi **–niya** gishobora kugira impindurantego nyinshi.

**<u>Ingero:</u>**

- ✓ -nuya
- ✓ -nzinya
- ✓ -niniya
- ✓ -nziginya

- ✓ -niniriya
- ✓ -nzunyu
- ✓ -nzugurunya

Agati **kanzugurunya**

Udutaka **tunzinya**

Utuzi **tunzunyu**

## II. 5 UMUMARO WA NTERA

Mu nteruro, ntera igira umumaro w'imfutuzi y'izina igaragiye.

**Ingero:**

- ✓ Nta mubyeyi **mugufi** utabyara umwana.
  **Imfutuzi**
- ✓ Umurima **munini** ni wo wera **byinshi.**
  **Imfutuzi** **imfutuzi**

**Ikitonderwa:** Ntera idasanishije igira igicumbi cya ntera ariko indangasano yayo ntiyisanisha n'indanganteko y'izina bijyanye.

**Ingero**:

- ✓ Nta mubyeyi **gito** ubaho.
- ✓ Sinkunda ibigori **gusa.**

**UMUTWE WA GATANDATU :** Gukunda no kwitabira umurimo.

**UMWANDIKO** : Umuhinzi n'abana be .

# INSHINGA

## IV.1 Inshoza y'inshinga

Inshinga ni ijambo riranga igikorwa iki n'iki, imimerere n'imyifatire iyi n'iyi cyangwa intego bya ruhamwa mu nteruro.

**Ingero:**

- ✓ Mutoni **arahinga** umurima.
- ✓ Murenzi **ni** umuhinzi.
- ✓ Imvura **yaguye** ku mugoroba.

- ✓ Abayobozi **bakangurira** abantu **kwita** ku isuku.
- ✓ **Kugenda** cyane **bitera kubona**.

### IV.2 Amoko y'inshinga

Hari amoko abiri y'inshinga:

**-Imbundo**

**-Inshinga itondaguye**

# IV.3 IMBUNDO

### i. Inshoza y'inshinga iri mu mbundo

**Imbundo** ni inshinga idatondaguye. **Imbundo** ivuga igikorwa, imimerere cyangwa imico bitagira uwo bicirwa (byitirirwa). Ukora igikorwa ntaba agaragara.

**Imbundo** buri gihe itangizwa n'ingombajwi ya" **k"** ikurikiwe n'inyajwi **"u"** kandi ikagira umusozo **"a".** Iyo ngombajwi **"k"** ishobora guhinduka **"g"**mu nshinga zimwe na zimwe.

**Ingero:**

- ✓ **Ku**vug**a**
- ✓ **Gu**tek**a**
- ✓ **Ku**ry**a**
- ✓ **Gu**tem**a**
- ✓ **K**wig**a**

### ii. Guhinduka izina kw'imbundo

**Imbundo ishobora guhinduka izina**. Icyo gihe imbundo iba yafashe indomo**" u"** kandi ihita igira imimaro nk'izina ribarirwa **mu nteko ya 15**.

**Ingero:**

- ✓ **Ukugenda** kwe byaratubabaje.
- ✓ **Ugusaba** imbabazi kwe kwakiriwe neza
- ✓ **Uguhinga** neza bitera kweza.

**Ikitonderwa**

1) **Inshinga iri mu mbundo na yo iba iri mu nteko ya 15.**

**Ingero:**

- ✓ Guhinga **(nt.15)**
- ✓ Kugenda **(nt.15)**

2) **Inshinga iri mu mbundo ishobora kugira icyuzuzo kiyitaruye cyangwa kiyihagitsemo.**

**Ingero:**

- ✓ Guhinga **umurima** → ku**wu**hinga
- ✓ Kurya **ibijumba** → ku**bi**rya

3) **Inshinga iri mu mbundo ishobora gukoreshwamo impakanyi" ta" rimwe na rimwe ihinduka "da".**

**Ingero:**

- ✓ Guteka → ku**da**teka
- ✓ Kwiga → ku**ti**ga
- ✓ Kumesa → ku**ta**mesa
- ✓ Kwemera → ku**te**mera
- ✓ Guhinga → ku**da**hinga

4) **Imbundo ishobora kugira ingereka**

**IMBONERAHAMWE 4: INGEREKA Z'IMBUNDO**

**Ingero**: inshinga **"guhinga"**

| Nta ngereka | Ifite ingereka |
|---|---|
| Guhinga | ▪ Guhing**ir**a urutoki<br>▪ Guhingi**rw**a<br>▪ Guhing**an**a n'abandi<br>▪ Guhing**ik**a k'umurima<br>▪ Guhing**ish**a isuka<br>▪ Guhing**ur**a utashye |

### iii. Inzagihe y'imbundo

Inshinga iri mu mbundo igira inzagihe n'indagihe.

**IMBONERAHAMWE 5: INZAGIHE Y'IMBUNDO**

| Indagihe | Inzagihe |
|---|---|
| ❖ Kuvuga | ▪ Ku**za**vuga |

| | |
|---|---|
| ❖ Kutarya<br>❖ Kugenda<br>❖ Kudahinga<br>❖ Gutema | ▪ Kuta**za**rya<br>▪ Ku**za**genda<br>▪ Kuta**za**hinga<br>▪ Ku**za**tema |

**iv. Uturemajambo tw'imbundo**

Inshinga iri mu mbundo igira uturemajambo dutatu:

- ✓ **Indanganshinga**
- ✓ **Umuzi**
- ✓ **Umusozo**

**a)** **Indanganshinga** y'imbundo buri gihe iba ari "**ku**"

b) **Umuzi w'imbundo** uboneka iyo ushize iyo nshinga mu **ntegeko**, ijambo riri imbere y'umusozo **"a"** ni wo muzi.

**Ingero;**

- ✓ Gutema ⟶ **tem**a
- ✓ Kugabura ⟶ **gabur**a
- ✓ Guseka ⟶ **sek**a

c) **Umusozo** w'imbundo buri gihe ni **"a"**

**Ingero:**

**Erekana uturemajambo tw'inshinga zikurikira:**

1. Kumesa **ku-mes-a**
2. Kugabura **ku-gabur-a**
3. Guseka **ku-sek-a**
4. Gusama **ku-sam-a**

**Ikitonderwa:**

Iyo imbundo ifite imigemo ibiri gusa, kugira ngo ubone umuzi ushyira mu mpitagihe.

**IMBONERAHAMWE 6: UTUREMAJAMBO TW'IMBUNDO**

| **Imbundo** | **Impitagihe** | **Intego** |
|---|---|---|
| Kujya | Ya**gi**ye | Ku-gi-a |
| Gukwa | Ya**ko**ye | Ku-ko-a |
| Gupfa | Ya**pfu**ye | Ku-pfu-a |

| | | |
|---|---|---|
| Kumwa | Ya**mo**ye | Ku-mo-a |
| Guha | Ya**ha**ye | Ku-ha-a |
| Guta | Ya**ta**ye | Ku-ta-a |
| Kurya | Ya**ri**ye | Ku-ri-a |
| Gushya | Ya**hi**ye | Ku-hi-a |
| Guca | Ya**ci**ye | Ku-ci-a |
| Kunya | Ya**ne**ye | Ku-ne-a |
| Kunywa | Ya**nyo**ye | Ku-nyo-a |
| Kugwa | Ya**gu**ye | Ku-gu-a |
| Gusya | Ya**se**ye | Ku-se-a |

# IV.3 INSHINGA ITONDAGUYE

**-Gutondagura inshinga** ni ukuyivuga mu buryo n'ibihe byayo muri ngenga zose.

**-Inshinga itondaguye** ni inshinga igaragaza ukora igikorwa, igihe agikorera n'uburyo agikoramo.

**Ingero:**

- ✓ Abanyeshri **bariga** imibare.
- ✓ Abagore **bakunda** abagabo babo.

**Ikitonderwa:**

Inshinga itondaguye ishobora kujyana n'imbundo bigakora interuro ngufi.

**Ingero:**


- ✓ Ngiye **kurya**.
- ✓ Mvuye **gusenga**
- ✓ Bagiye **kwiga**

## IV.4 IBIHE BIKURU BY'INSHINGA

Igihe kigabanyijemo ibihe bitatu ari byo:

- **Igihe cyahise**
- **Igihe cy'ubu**
- **Igihe kizaza**

Itegereze umurongo w'igihe ukurikira:




- **<u>Igihe cyahise</u>** kivuga ibyabaye kitwa "**impitagihe** "
- **<u>Igihe cy'ubu</u>** kivuga ibiriho, iby'ubu, ibyo dukora nk'akamenyero, kikitwa "**indagihe".**
- **<u>Igihe kizaza</u>** kivuga ibiraba mu kanya, ibizaba ejo n'igihe kiri imbere cyose kikitwa **"inzagihe".**

**<u>Ingero:</u>**

- ✓ Mutoni **yahinze** ibirayi. (**impitagihe**)
- ✓ Mutoni **ahinga** ibirayi. (**indagihe)**
- ✓ Mutoni **azahinga** ibirayi**. (inzagihe**)

### a) <u>Impitagihe</u>

**Impitagihe** ivuga ibyabaye kare (mu kanya ka shyize) cyangwa kera.

Impitagihe igabanyijwemo ibice bibiri:

1. **Impitakare**
2. **Impitakera**

### 1. <u>Impitakare</u>

**Impitakare** yumvikanisha igikorwa kimaze gukorwa, ariko kitarengeje uyu munsi, mu kanya gashize.

**<u>Ingero:</u>**

- ✓ **<u>Nasomaga</u>** igitabo.
- ✓ **<u>Nsomye</u>** igitabo.
- ✓ Icyo gitabo **<u>nagisomye</u>**.

*FL-EduPortal-Online Platform.* Visit our site

2. **Impitakera**

**Impitakera** yumvikanisha igikorwa cyarangiye mu gihe cyashize, uhereye ejo hashize ugana hirya y'aho.

**Ingero:**

- ✓ Nkiri muto, **nasomaga** ibitabo byinshi.
- ✓ Mu mwaka ushize **nasomye** ibitabo bine.
- ✓ Kera **narasomye** cyane.
- ✓ Ejo **nasomye** iki gitabo umunsi wose.

b) **Indagihe**

**Indagihe** ivuga ibiba muri aka kanya, ibintu byabaye ariko bigikomeje, ibiba ubusanzwe n'ibyabaye kera bivugwa mu makuru.

Indagihe irimo ibice bine ari byo:

1. **Indagihe y'ubu (aka kanya)**
2. **Indagihe y'ubusanzwe**
3. **Indagihe mbaramakuru**
4. **Indagihe y'igikomezo**

1. **Indagihe y'ubu (aka kanya)**

**Indagihe y'ubu** yumvikanisha ikirimo gukorwa ubu aho uvugiye.

**Ingero:**

- ✓ Mugenzi **arandika** ku kibaho.
- ✓ Umwana **ariga** Imibare.
- ✓ Petero **arahinga** umuceri.
- ✓ Abakobwa **baraboha** ibyibo.

2. **Indagihe y'ubusanzwe**

**Indagihe y'ubusanzwe** yumvikanisha igikorwa gisanzwe gikorwa. Ntawamenya intangiriro n'iherezo ryacyo.

**Ingero:**

- ✓ **Nigisha** Imibare.
- ✓ Maguru **arya** ibijumba.
- ✓ Abahungu **bakunda** umupira.
- ✓ Abana **banywa** amata.

3. **<u>Indagihe y'imbaramakuru</u>**

**Indagihe y'imbaramakuru** umuntu ayikoresha avuga ibyabaye kera nk'aho ari iby'ubu.

**<u>Ingero:</u>**

- ✓ Icyo gihe amapfa **aratera**.
- ✓ Yagiye mu nzu nuko **arambura** igitabo **arasoma**.
- ✓ Nuko icyo gihe **turasoma** abantu **baratangara**.

4. **<u>Indagihe y'igikomezo</u>**

**Indagihe y'igikomezo** yumvikanisha igikorwa cyatangiye kandi kikaba kigikomeza.

**<u>Ingero:</u>**

- ✓ **Turacyakina** umupira.
- ✓ Umwana **aracyagenda**.
- ✓ Abagore **baracyambara** amajipo.

c) **<u>Inzagihe</u>**

**Inzagihe** ivuga ibiza kuba cyangwa ibizaba nyuma yo kuvuga.

Inzagihe irimo ibice bibiri:

1. **Inzahato**
2. **Inzakera**

1. **<u>Inzahato</u>**

**Inzahato** ivuga ibiri buze kuba nyuma yo kuvuga ariko ntibifate undi munsi.

**<u>Ingero:</u>**

- ✓ Nimugoroba **ndagusura** tuganire.

- ✓ Ku gicamunsi **turareba** umupira.

2. **<u>Inzakera</u>**

Inzakera ivuga ibizaba ejo hazaza cyangwa mu bihe bizakurikiraho.

**<u>Ingero:</u>**

- ✓ Ejo **<u>nzagura</u>** ipantaro.
- ✓ Umukino **uzabera** i Rubavu.

**5 <u>INDANGO Z'INSHINGA</u>**

**Indango z'inshinga** ni imitondagurirwe y'ingiro yemeza n'ihakana.

Ni ukuvuga ko hari indango ebyiri z'inshinga:

1. **Indango yemeza**
2. **Indango ihakana**

1. **<u>Indango yemeza</u>**

**Indango yemeza** nta karemajambo kayiranga uretse **"ni"** mu nteruro itegeka.

**<u>Ingero:</u>**

- ✓ Mutuye na Mutoni **bava** inda imwe.
- ✓ Habimana **ni** umwarimu mwiza.
- ✓ **Ndagenda** uyu munsi.
- ✓ **Nimwandike** vuba.
- ✓ **Mwirinde** gukora ibyaha.

2. **<u>Indango ihakana</u>**

**Indango ihakana** irangwa n'uturemajambo: "**i, si, ta, nti, ntu** na **nta**"

**<u>Ingero:</u>**

**<u>*si:</u>** Gakoreshwa muri ngenga ya mbere y'ubumwe honyine.

**<u>Ingero:</u>**

- ✓ **<u>Si</u>njya** mu isoko uyu munsi.
- ✓ **<u>Si</u>nakuvuze** nabi.
- ✓ **<u>Si</u>nkererwa** ku ishuri.

**<u>*ta:</u>** Gakoreshwa muri ngenga zose ariko muri ngenga ya mbere y'ubumwe rimwe na rimwe gahinduka**" nta".**

**Ingero:**

- ✓ **Mutajya** hanze.
- ✓ **Utasohoka**
- ✓ Babwire **batansiga**.
- ✓ **Udahaze** arye iwe.
- ✓ **Nintatsinda** nzababara.

***nti, ntu, nta:** Dukoreshwa mu **nteruro itegeka.**

**Ingero:**

- ✓ **Ntugende**, tuzajyana.
- ✓ **Ntagende** batajyanye.
- ✓ **Ntibazagende** bavuganye.

***i:** Gakoreshwa mu nteruro zimwe na zimwe **zitegeka.**

**Ingero:**

- ✓ **Wijya** mu muhanda.
- ✓ **Mwikwiruka**.
- ✓ **Winterefon**a.

## 6. INGIRO Z'INSHINGA

**Ingiro y'inshinga** ni uburyo inshinga ihindura imiterere bitewe n'uko ruhamwa yitwaye mu gikorwa kivugwa n'inshinga.

Inshinga igira ingiro eshatu:

1. **Ingiro nkora**
2. **Ingiro ntega**
3. **Ingiro ngaruka**

### 1. Ingiro nkora

**Ingiro nkora** ni iyo ruhamwa ari yo ikora igikorwa kivugwa n'inshinga.

**Ingero:**

- ✓ Abantu bose **barinde** ibidukikije.
- ✓ Abana **banywa** amata.
- ✓ Mutoni **yahinze** ibirayi.
- ✓ Abanyeshuri **bazakora** ibizamini.

2. **Ingiro ntega**

**Ingiro ntega** ni iyo ruhamwa ikorerwaho igikorwa kivugwa n'inshinga.

**Ingero:**

- ✓ Ibidukikije **birindwa n**'abantu bose.
- ✓ Amata **anyobwa n**'abana.
- ✓ Ibirayi **byahinzwe na** Mutoni.
- ✓ Ibizamini **bizakorwa n'**abanyeshuri.

3. **Ingiro ngaruka**

**Ingiro ngaruka** ni iyo ruhamwa iri kwikoreraho igikorwa.

**Ingero:**

- ✓ Abantu bose **birindire** ibidukikije.
- ✓ Abakobwa **bisokoza** umusatsi.
- ✓ Abanyeshuri **baziyigisha** Imibare.
- ✓ Mutoni **yihingiye** ibirayi.
- ✓ Umwana mwiza **yikarabya** amaguru

# 7 .INSHINGA ZIDASANZWE

1. **INSHINGA NKENE (MBURABUZI)**

Inshinga nkene ni inshinga zidakoreshwa nk'izindi. Usanga zidatondagurwa mu bihe bimwe na bimwe ahubwo zigasimbura n'izindi zihuje na zo inyito.

Ikindi kiziranga ni uko zidahinduranya imisozo yazo nk'uko izindi zibigenza.

Inshinga nkene ni izi zikurikira: **ni, -ri, -fite, -ruzi, -zi, -si**

**Ingero:**

- ✓ Na bo **ni** abacu.
- ✓ Na we **si** umwana we.
- ✓ **Ndi** umunyeshuri.

- ✓ Kera **twari** abakene.
- ✓ **Mfite** inka eshanu.
- ✓ **Dufite** ikizamini mu kanya.
- ✓ **Nduzi uri** umwana mwiza.
- ✓ Uriya mwana **ndamuruzi.**
- ✓ **Nzi** ko tuzabonana ejo.
- ✓ Mwese **muranzi.**

2. **INGIRWANSHINGA**

Ingirwanshinga ifite indanganshinga n'umuzi womanye n'umusozo.
Ingirwanshinga igira igicumbi **–ti** n'imisozo **Ø, a, o** na **e.**

**Ingero:**

- ✓ Yaravuze **ati**:" Mwese ndabakeneye."
- ✓ Nuko barambwira **bati:** "Tuzagusura nugerayo."
- ✓ Naravuze **nti:"** Ibyo sinzigera mbyemera."
- ✓ Ngaho mwese nimukore **mutya.**
- ✓ Nimukomeze **mutyo**

**Umwandiko** : Umusaruro w'umurimo unozo.

# 4.IMIGEREKA /INGERA

a) **Inshoza y'imigereka**

- Umugereka (ingera) ni ijambo ridasesengurika, risobanura izina, ntera, inshinga cyangwa indi ngera.
- Umugereka ni ijambo ryumvikanisha **uburyo, igihe, inshuro** ikintu gikorwa cyangwa **ahantu** gikorerwa.

b) **Amoko y'imigereka**

Hari amoko ane y'imigereka:

- ✓ Umugereka w'uburyo
- ✓ Umugereka w'igihe
- ✓ Umugereka w'inshuro
- ✓ Umugereka w'ahantu

i) **UMUGEREKA W'UBURYO**

Ingera y'uburyo yerekana uburyo igikorwa kiri gukorwa.

**Ingero:**

- ✓ Uyu mwana aririmba **neza**.
- ✓ Noneho ko Sano asa **nabi**?
- ✓ Mbwira **buhoro** batumva.
- ✓ Tomasi ahinga **vuba**.
- ✓ Nimusome **bucece**.
- ✓ Ukora **cyane** arahembwa.
- ✓ Ikipe yacu yatsinze **hamana.**
- ✓ Nimukure **bwangu** tugende tudakererwa.

## ii) UMUGEREKA W'IGIHE

Ingera y'igihe yerekana igihe igikorwa gikorerwa.

**Ingero:**

- ✓ Nageze hano **kare.**
- ✓ Mbe Bihehe ko ugenda **nijoro**.
- ✓ Uyu mugabo muzi kuva **kera.**
- ✓ Ndagusura **nimugoroba** mu rugo.
- ✓ Abana bo **hambere** barubahaga.
- ✓ Imikorere y'**ubu** itandukanye n'iya **kera.**

Izindi ngera z'igihe: **none, ejo, nimunsi, ejobundi, …….**

## iii) UMUGEREKA W'INSHURO

Ingera y'inshuro yerekana inshuro igikorwa gikorwa.

**Ingero:**

- ✓ Vuga **rimwe** ndahita numva.
- ✓ Ubunyereri bunyigeze **kabiri**.
- ✓ Nturenze **inshuro eshatu** z'ako kebo.
- ✓ Yansuye **kenshi.**
- ✓ Twiga Icyongereza **buri munsi**.

## iv) UMUGEREKA W'AHANTU

Ingera y'ahantu yerekana ahantu igikorwa gikorerwa.

**Ingero**:

- ✓ Aryamye **hejuru** y'ameza.
- ✓ Agiye **hakurya** y'uruzi.
- ✓ Ipusi ikunda **munsi** y'ameza.
- ✓ **Hakuno** ya Nyabarongo hari imyaka.
- ✓ Twahuriye **haruguru** y'isoko.

Izindi ngera z'ahantu: **ejuru, epfo, hambavu, iruhande, hano, hanyuma, hanze, hepfo, harya, hasi, imbere, inyuma, hagati, hino, ikambere,** …

# 5 .INYIGANA

**a) Inshoza y'inyigana**

Inyigana ni amagambo yigana urusaku rw'ibintu, urw'inyoni cyangwa inyamaswa.

**b) Ingero z'inyigana**

- ✓ Abo basore bararwanye ngo:**" Tiku!" "Tiku!"**
- ✓ Impyisi irahuma iti**:" Huun!" "Huun!"**
- ✓ Inkono kuziko iti:**" Togotogo".**
- ✓ Ihene iti:**" Meee"**
- ✓ Nuko igisasu kiti**:" Pi".**
- ✓ Ibuye riraza ngo**:" Po".**
- ✓ Maze imvura iragwa ngo**:" Shii".**

# 6.AMARANGAMUTIMA

**a) Inshoza y'amarangamutima**

Amarangamutima ni amagambo adahinduka agaragaza ibyivumvo by'uvuga.

**b) Ingero z'amarangamutima**

- ✓ **Yooo!** Mbese ni ko byagenze!
- ✓ **Yebaba we!** Ayo mafaranga iyo uyashyira muri banki koko!
- ✓ **Ahaaa!** Aho wenda watemye ibiti bya Leta.
- ✓ **Ayayaya!** Aya manota yose ni ayawe!
- ✓ **Asyi!** Aho nategerereje ndarambiwe.
- ✓ **Oh!** Mbega umukobwa mwiza!

**IMYANDIKO Y'INYONGERA**

**Umwandiko** : Utabusya abwita ubumera.

# 9. INSHOBERAMAHANGA

## a) Inshoza y'inshoberamahanga

Inshoberamahanga ni imvugo y'ubuhanga ifite igisobanuro akenshi gishingiye ku muco cyangwa ku igereranya bityo ntiyumvikane neza ku batari abenerurimi.

## b) Ingero z'inshoberamahanga

**IMBONERAHAMWE 38: INSHOBERAMAHANGA**

| | |
|---|---|
| **Guca kunda** | Kunywana/ gucudika |
| **Akaboko karekare** | Akaboko gakorakora, akaboko kiba |
| **Amaguru maremare** | Amaguru anyaragurika, adahama hamwe |
| **Amaso maremare** | Amaso arebuzwa, areba ibyo atatumwe |
| **Amatwi maremare** | Amatwi yumva vuba |
| **Guca amano** | Gusitara bikabije |
| **Guca ibiti n'amabuye** | Kuzana inkubiri uhitana ibyo uhuye na byo mu nzira. |
| **Guca igikuba** | Gukabiriza ibintu |
| **Guca i Kibungo** | -Kubanza guca hirya no hino mbere yo kurasa ku ngingo<br>-kuzigura |
| **Guca inkereramucyamo** | Kujya ahantu/ kugera ku kintu unyuze mu nzira iziguye |
| **Guca ruhinganyuma** | Kwihisha umuntu ukajya gukora ikintu kimubangamiye |
| **Guca umutima** | Kugwa ukamera nk'upfuye |
| **Gucinya inkoro** | Gutanga impano yo guhakirwa ikintu |
| **Gukama ayo mu ihembe** | Kuzana ibitaza, biza gahoro, bivuye kure |
| **Gukamwa amakuru** | Gusaza |
| **Gukinga ikibaba** | Guhishira umuntu ku bw'amakosa ye |

| | |
|---|---|
| **Gukomeza umutsi** | Kwihangana |
| **Gukora iyo bwabaga** | Gukoresha ingufu zawe zose |
| **Gukora undi ku itama** | Gushotora undi ngo mu rwane /kumusuzugura |
| **Gukora undi mu jisho** | Kumwiyenzaho |
| **Gukoza agati mu ntozi** | Kubyutsa icyari gisinziriye |
| **Gukuba akabero** | Kwicarira amaguru ahengamiye uruhande rumwe |
| **Gukubita igihwereye** | Kubyara umwana upfuye |
| **Gukubita impyisi inkoni** | Gukora ibidasanzwe |
| **Gukubita inzu igipfunsi** | Gushakisha |
| **Gukubita ubusa nka Sakabaka** | Kuburiramo |
| **Gukuka umutima** | Kugira ubwoba bwinshi cyane |
| **Gukura inzira ku murima** | Guhakana byimazeyo/ guhakana wivuye inyuma |
| **Gukura ubwatsi** | Gushimira |
| **Gupfa agasoni** | Kugirira umuntu impuhwe |
| **Gusasa inzobe** | Kubwizanya ukuri ku makosa yabayeho no gusabana imbabazi |
| **Gusera mu birere** | Kugenda wihuta kubera ahantu ugiye kure |
| **Gusesa akanguhe** | Gusaza cyane (hejuru y'imyaka 70) |
| **Guta muri yombi** | Gufata |
| **Gutera amahane** | Gutongana/ kujya impaka cyane |
| **Gutera amashyengo** | Kuganira usetsa |
| **Gutera hejuru** | Gusakuza |
| **Gutera imbabazi** | Gutuma umuntu akugirira impuhwe |
| **Gutera imboni** | Kubona vuba |
| **Gutera imvururu** | Gutangira intonganya zishobora kuvamo kurwana |
| **Gutera inkunga** | Gufasha |
| **Gutera inogo** | -Gutamira byinshi mu gihe cyo kurya wungikanya<br>-Kumira bunguri |
| **Gutera isekuru** | Gucumbagira |
| **Gutera ububyara** | Gukinisha umuntu mu magambo |
| **Gutera undi ubutaka** | Kumwirukana |
| **Guterera agati mu ryinyo** | Kwicecekera |
| **Guteza ubwega** | Gusaba umuntu usa n'umupfukamira |

| | |
|---|---|
| **Gutunga ibya Mirenge ku Ntenyo** | Gukira cyane |
| **Gutwika inzu ugahisha umwotsi** | Kwiyoberanya |
| **Gutwita ibiyaga** | Kwihuta cyane ufite ikikwirukansa |
| **Iminsi y'amanyunyamfizi** | Iminsi y'ibibazo bidafite igisubizo |
| **Kuba mu mazi abira** | Kugera mu byago byinshi |
| **Kuba nk'abahuriye ku ruzi** | Kutabona umwanya uhagije |
| **Kubambwa utanyuka** | Kugera ahantu ukagenda ubuticara |
| **Kubariza inkuru ku nkanda** | Gushakira ikintu aho kitari |
| **Kubera undi ibamba** | Kwinangira/ guhakana gukora ikintu |
| **Kubera undi imfura mbi** | Kumuhemukira |
| **Kubera undi kabutindi** | Kumumerera nabi |
| **Kubera undi rubanda** | Guhemukira umuntu/ guhakana icyo wamwemereye |
| **Kubika umuntu** | Kuvuga/ kumenyesha ko yapfuye |
| **Kubika undi ho urusyo** | Kumuhimbira ibintu bibi kandi bitari ukuri |
| **Kubona ikigira inka imbyeyi** | Kubona umukwe |
| **Kubunza imitima** | Guhangayikishwa no kubura igisubizo k'ibibazo ufite |
| **Kubura byose nk'ingata imennye** | Kubura ibyo wizeraga byose |
| **Kubura ibwami no ku karubanda** | Kugira ibibazo impande zose/kubura aho uhagarara |
| **Kubuza undi hasi no hejuru** | Kumubuza amahoro |
| **Kubyinira ku rukoma** | Kwishima cyane |
| **Kudacira ngo agwe** | Kunanirwa cyane |
| **Kugarurira ibintu mu maguru mashya/ kugarura ibintu bitararenga inkombe** | Kugarura ibintu bitaragera kure cyane |
| **Kugenda amasigamana** | Kugenda wihuta cyane |
| **Kugenda amaterekamfizi** | Kugenda buhoro cyane |
| **Kugenda amayembayembo** | Kugenda buhoro usa n'udafite iyo ujya |
| **Kugenda mpiru na nyoni** | Kugenda ntugaruke |
| **Kugenda nk'ifuni iheze** | Kugenda ubutagaruka |
| **Kugenda nk'ukurikiwe** | Kwiruka cyane ubutareba inyuma |
| **Kugenda umuti wa Mperezayo / Kugenda buheriheri** | Kugenda ugahera |
| **Kugenda wikandagira** | Kugenda ufite ubwoba |
| **Kugenza inyuma y'ibirenge** | Kugenda usubira inyuma kugira ngo udakandagira bakumva |

| | |
|---|---|
| **Kugera aharindimuka** | Kugera kure kubi |
| **Kugera aho ijuru riterwa inkingi** | Kugera kure cyane |
| **Kugera ku gasenyi** | Kugera habi |
| **Kugera ku mankumbukumbo** | Kugera ahantu habi hakugusha mu bibazo utakwikuramo |
| **Kugira isoni** | Gutinya |
| **Kugira umutwe munini** | Kutumva |
| **Kugomagira** | Kugenda buhoro cyane |
| **Kugwa agacuho** | Kunanirwa cyane |
| **Kugwa ahashashe** | Kugera ku bintu byiza/kugera ahantu heza |
| **Kugwa gitumo** | Gutungura umuntu |
| **Kugwa isari** | Kwicwa n'inzara |
| **Kugwa ishyanga** | Gupfira inyuma y'igihugu cyawe |
| **Kugwa ivutu** | Kumererwa nabi mu nda kubera kurya ugahaga cyane |
| **Kugwa miswi** | Kunganya amanota mu ishuri/ mu mikino |
| **Kurambika inda mu muyaga** | Kwiruka cyane utishinze ibyo utwaye cyangwa abo utwaye. |
| **Kurara butunda** | Kurara ijoro |
| **Kurara inkera** | Kurara banywa inzoga bukarinda bucya |
| **Kurara nze** | Kurara nta muyobozi |
| **Kuraswayo /kwikozayo** | Kujya ahantu ntutindeyo |
| **Kuruha uwa Kavuna** | Kuruha cyane ukora imirimo myinshi inyungu ntizikugereho |
| **Kuruhira Nyanti** | Kuruhira ubusa |
| **Kurwubaka ku mutwe** | Guhora ugenda (impunzi)<br>Guhora wimuka udafite iwawe |
| **Kurya akara** | Kubwira umuntu mu ibanga umunosha |
| **Kurya inka n'amahembe** | Kurya cyane ntugire icyo usiga |
| **Kurya isoni** | Kutagira icyo utinya/ kutubaha |
| **Kurya nk'urongoye imfizi** | Kurya cyane |
| **Kurya undi umutima** | Kumushukashuka |
| **Kutagira shinge na rugero** | Kutagera ku ntego wihaye |
| **Kutamenya icyatsi n'ururo** | Kutamenya gutandukanya ikiza n'ikibi |
| **Kuvoma hafi** | Kurakara vuba |
| **Kuvomera mu rutete** | Kuruhira ubusa |

| | |
|---|---|
| **Kuvuga aya Nyirarureshywa** | Kuvuga amagambo adafite agaciro |
| **Kuvugisha amatama yombi** | Gutinyuka kuvuga ikintu gikomeye |
| **Kuyabangira ingata** | Kwiruka cyane |
| **Kuza nk'iya Gatera** | Kuza uhubutse |
| **Kwereka undi igihandure/ kwereka undi munsi y'ibirenge** | Kumusiga |
| **Kwibuka ibitereko washeshe** | Kwibuka gukora ikintu nta cyo ukiramira |
| **Kwigira nyoni nyinshi** | Kwiyoberanya /kwiyumanganya |
| **Kwinyara mu isunzu** | Gukora ikintu kiza utari usanzwe ukora |
| **Kwirahira umuntu** | Kwira umuntu wakugiriye neza |
| **Kwiruka amakubaruhu** | Kwiruka cyane |
| **Kwiruka amasigamana** | Kwiruka cyane utareba inyuma |
| **Kwiruka kibuno mpa amaguru** | Kwiruka cyane |
| **Kwita mu mata nk'isazi** | Kwivanga mu bitakureba |
| **Naho Miseke ndarwana** | Naho nari nagerageje |
| **Noneho si uburo bweze** | Gukora ibintu wajyaga wanga gukora |
| **Rucitse nambutse** | Bikomeye nagiye |
| **Umunwa muremure** | Umunwa uvuga n'ibyo utatumwe, uvugaguzwa |
| **Umwihanduzacumu** | Umuntu udatinya |
| **Yanukaga itababuye** | Yagiraga amahane narindi abonye impamvu |
| **Yaragashize nka Gashamura** | Yashize agahinda, nta kibazo afite |

# UMUSOZO